1° amashyamba y'amaterano mato agenewe kubyazwa umusaruro afite ubuso butarengeje hegitari ebyiri (2);

1° small production planted forests which do not exceed two hectares (2 ha);

1° les petites forêts de reboisement destinées à la production qui ne dépassent pas deux hectares (2 ha);

2° amashyamba y'amaterano manini agenewe kubyazwa umusaruro arengeje ubuso bwa hegitari ebyiri (2).

2° large production planted forests exceeding two hectares (2 ha).

2° les grandes forêts de reboisement destinées à la production qui dépassent deux hectares (2 ha).

UMUTWE WA III: IGENAMIGAMBI RYO GUTUNGANYA AMASHYAMBA

CHAPTER III : FOREST MANAGEMENT PLAN

CHAPITRE III : PLAN D'AMENAGEMENT FORESTIER

Ingingo ya 11: Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba

Article 11: Forest management plan

Article 11: Plan d'aménagement forestier

Leta itegura igenamigambi ry'amashyamba ry'imyaka icumi (10).

The Government shall prepare a ten (10) year forest management plan.

L'Etat élabore un plan d'aménagement forestier de dix (10) ans.

Iryo genamigambi ritegurwa hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri.

Such a forest management plan shall be prepared following instructions of the Minister.

Ce plan est élaboré suivant les instructions du Ministre.

Igikorwa cyose cyo kubungabunga cyangwa gusarura amashyamba gikorwa hakurikijwe igenamigambi ry'amashyamba.

Any forest management or harvesting operation shall be conducted in compliance with the forest management plan.

Toute activité d'aménagement ou de récolte des forêts est exécutée en conformité avec le plan d'aménagement forestier.

Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba

The forest management plan shall be approved by

Le plan d'aménagement forestier est approuvé par

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

ryemezwa n'Iteka rya Minisitiri.

an Order of the Minister.

arrêté du Ministre.

Iryo genamigambi rishobora kuvugururwa buri myaka itanu (5) iyo bibaye ngombwa. Ibivugwa muri iyi ngingo ntibireba za Pariki z'Igihugu.

This plan may be reviewed every five (5) years whenever necessary. The provisions of this Article shall not apply to National Parks.

Ce plan est révisé tous les cinq (5) ans si nécessaire. Les dispositions du présent article ne s'appliquent pas aux Parcs Nationaux.

Hashingiwe ku igenamigambi ry'amashyamba, hategurwa igenamigambi ryihariye ku mashyamba ya Leta, ay'Akarere n'ay'abantu.

In accordance with the forest management plan, specific plans shall be developed for State, District and private forests.

Conformément au plan d'aménagement forestier, il est élaboré des plans spécifiques pour les forêts de l'Etat, du District et celles des particuliers.

Ingingo ya 12: Igenamigambi ry'amashyamba ya Leta

Article 12: State forests management plan

Article 12: Plan d'aménagement des forêts de l'Etat

Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba ya Leta ritegurwa kandi rigashyirwa mu bikorwa n'Ikigo hifashishijwe gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka.

The State forests management plan shall be prepared and implemented by the Authority following the annual action plan.

Le plan d'aménagement des forêts de l'Etat est élaboré et mis en œuvre par l'Office suivant le plan d'action annuel.

Ingingo ya 13: Igenamigambi ry'amashyamba mu Karere

Article 13: District forests plan

Article 13: Plan forestier du District

Akarere gategura kandi kagashyira mu bikorwa igenamigambi ry'amashyamba ry'imyaka icumi (10).

The District shall prepare and implement a ten (10)-year forest plan.

Le District prépare et exécute le plan forestier de dix (10) ans.

Igenamigambi ryo gutunganya amashyamba mu Karere rigomba kwemezwa n'Iteka rya Minisitiri.

The District forest management plan must be approved by an Order of the Minister.

Le plan d'aménagement forestier du District doit être approuvé par arrêté du Ministre.

Ingingo ya 14: Igenamigambi ry'amashyamba y'abantu

Article 14: Private forests management plan

Article 14: Plan d'aménagement des forêts des particuliers

Ishyamba ry'umuntu rirengeje hegitari ebyiri (ha2) rikorerwa igenamigambi ryo kuritunganya rigashyikirizwa Akarere kugira ngo karyemeze.

Any private forest exceeding two hectares (2 ha) shall be subject to a management plan to be submitted to the District for approval.

Toute forêt d'un particulier dépassant deux hectares (2 ha) fait l'objet d'un plan d'aménagement soumis au District pour approbation.

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

Ikigo gitanga amabwiriza afasha abantu gutegura igenamigambi ryo gucunga amashyamba yabo.

The Authority shall issue instructions to help private persons prepare their forests management plans.

L'Office donne les directives pour aider les particuliers à préparer leurs plans d'aménagement forestier.

UMUTWE WA IV: GUTERA, KUBUNGABUNGA NO KURINDA AMASHYAMBA

CHAPTER IV: PLANTING, CONSERVATION AND PROTECTION OF FORESTS

CHAPITRE IV: PLANTATION, CONSERVATION ET PROTECTION DES FORETS

Icyiciro cya mbere: Gutera amashyamba

Section One: Afforestation

Section première : Boisement

Ingingo ya 15: Gahunda y'Igihugu yo gutera amashyamba

Article 15: National afforestation program

Article 15: Programme national de boisement

Buri mwaka, Minisitiri ashingiye kuri politiki y'Igihugu n'igenamigambi by'amashyamba agena gahunda yo gutera no gufata neza amashyamba mu gihugu.

Each year, the Minister, based on the national policy and forest plan, shall determine the national afforestation and forest management program.

Chaque année, le Ministre, sur base de la politique nationale et le plan d'aménagement forestier, élabore un programme national de boisement et d'entretien des forêts.

Ingingo ya 16 : Ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'Igihugu yo gutera no gufata neza amashyamba

Article 16: Implementation of the national afforestation and forest management program

Article 16: Exécution du programme national de boisement et d'entretien des forêts

Ikigo gishyiraho imirongo ngenderwaho igamije gushyira mu bikorwa gahunda y'Igihugu yo gutera no gufata neza amashyamba kandi kigakurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo.

The Authority shall establish guidelines for the implementation of the national afforestation and forest management program and make follow up on its implementation.

L'Office établit les directives pour la mise en œuvre du programme national de boisement et d'entretien des forêts et fait le suivi de son exécution.

Buri Karere kagaragaza ubutaka bugomba guterwaho amashyamba kandi kagashyira mu bikorwa gahunda y'Igihugu yo gutera no gufata neza amashyamba.

Each District shall determine lands for afforestation and implement the national afforestation and forest management program.

Chaque District doit déterminer le terrain à boiser et mettre en œuvre le programme national de boisement et d'entretien des forêts.

Ingingo ya 17 : Gutera ibiti bivangwa n'imyaka

Article 17: Planting agroforestry trees

Article 17: Plantation d'arbres agroforestiers

Ibiti bivangwa n'imyaka, biterwa mu butaka

Agroforestry trees shall be planted on land reserved

Les arbres agroforestiers sont plantés sur les terres

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

bwagenewe ubuhinzi n'ubworozi.

for crops and livestock.

destinées à l'agriculture et à l'élevage.

Amabwiriza ya Minisitiri agaragaza imirongo ngenderwaho mu guhitamo ibiti bivangwa n'imyaka kandi akagaragaza uburyo bikorwa.

Instructions of the Minister shall set up the guidelines for the selection of agroforestry tree species and determine application modalities.

Les instructions du Ministre fixent les directives pour la sélection des espèces d'arbres agroforestiers et déterminent les modalités d'application.

Ingingo ya 18 : Gutera ibiti byo mu mijyi no ku mihanda

Article 18: Planting trees in urban areas and on roadsides

Article 18: Plantation d'arbres en milieu urbain et au bord des routes

Ibiti byo mu mijyi no ku mihanda biterwa hagamijwe kurinda no kurimbisha aho biteye.

Trees shall be planted in urban areas and on roadsides for protection and beautification purposes.

Les arbres sont plantés en milieu urbain et au bord des routes à des fins de protection et d'embellissement.

Ikigo kigena ubwoko bw'ibiti biterwa mu mijyi no ku mihanda kandi kikagaragaza uburyo bikorwa n'uko bisarurwa.

The Authority shall determine tree species to be planted in urban areas and on roadsides and determine modalities for their planting and harvesting.

L'Office détermine les espèces d'arbres à planter en milieu urbain et au bord des routes ainsi que les modalités de leur plantation et de leur récolte.

Iciviro cya 2: Kubungabunga no kurinda amashyamba muri rusange

Section 2: Conservation and protection of forests in general

Section 2 : Conservation et protection des forêts en général

Ingingo ya 19 : Kubungabunga no kurinda amashyamba

Article 19: Conservation and protection of forests

Article 19: Conservation et protection des forêts

Kubungabunga no kurinda amashyamba bigomba gukorwa hagamijwe:

The purpose of conservation and protection of forests must consist in the following:

Le but de la conservation et de la protection des forêts doit consister en ce qui suit:

1° kugabanya ingaruka mbi ku mashyamba zaterwa n'ibikorwa bitandukanye;

1° to minimize adverse effects on forests resulting from various activities;

1° minimiser les effets néfastes de diverses activités sur les forêts;

2° kwita by'umwihariko ku duce tw'Igihugu dufite ibibazo byihariye birebana n'ibidukikije;

2° to give particular attention to the areas of the country faced with special environmental problems;

2° s'occuper particulièrement des zones du pays confrontées aux problèmes environnementaux particuliers;

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

3° kurinda ibimera kamere n'inyamaswa;	3° to protect native plants and animals;	3° protéger les plantes indigènes et les animaux;
4° kurinda urusobe rw'ibinyabuzima;	4° to protect the biodiversity;	4° protéger la biodiversité ;
5° kongera agaciro k'umutungo kamere w'amashyamba no kuyabyaza umusaruro;	5° to add value to and exploit forest resources;	5° valoriser et exploiter les ressources naturelles forestières;
6° kuzamura ubukungu bw'Igihugu.	6° to increase national economy.	6° accroître l'économie nationale.

Ingingo ya 20 : Uruhare rw'abaturage mu kubungabunga no kurinda amashyamba

Kubungabunga no kurinda amashyamba ni inshingano ya buri muturarwanda wese.

Abaturage bafite inshingano zo kubungabunga no kurinda amashyamba no gutanga ku nzego z'ubuyobozi bubegereye amakuru arebana n'ibikorwa bibujijwe byahungabanya imicungire myiza y'amashyamba.

By'umwihariko, abaturaye ishyamba barikoresha nk'uko biteganywa n'iri tegeko bafite inshingano zo kuribungabunga no kuririnda ibyo ari byo byose byaryangiza bitewe n'ibyo bikorwa barikoreramwo.

Ingingo ya 21 : Ubufatanye bw'inzego mu kurinda amashyamba

Inzego za Leta, iz'abikorera kimwe n'imiryango itari iya Leta zifatanyiriza hamwe kurinda amashyamba no kurwanya ikintu icyo ari cyo cyose cyayangiza.

Article 20: Role of the population in the conservation and protection of forests

The responsibility to conserve and protect forests shall rest with any person who is in Rwanda.

The population shall have the duty to conserve and protect forests and inform the nearest authorities of prohibited activities that may negatively affect proper forest management.

In particular, those who live near the forest and who use it in accordance with the provisions of this Law shall have the duty to conserve it and protect against anything that may damage it due to activities they carried out therein.

Article 21: Collaboration of institutions in protecting forests

Public and private institutions as well as non-governmental organizations shall collaborate in protecting forests against anything that may damage them.

Article 20: Rôle de la population dans la conservation et la protection des forêts

La conservation et la protection des forêts sont la responsabilité de toute personne se trouvant au Rwanda.

La population a le devoir de conserver et de protéger les forêts et informer les autorités les plus proches des activités interdites susceptibles de nuire à la bonne gestion des forêts.

En particulier, les habitants riverains de la forêt et qui l'utilisent conformément aux dispositions de la présente loi ont le devoir de la conserver et de la protéger contre tout ce qui peut l'endommager résultant de ces activités qu'ils y pratiquent.

Article 21: Collaboration des institutions pour protéger les forêts

Les institutions publiques et privées ainsi que les organisations non-gouvernementales collaborent pour protéger les forêts et lutter contre tout ce qui peut les endommager.

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

Izo nzego ziyambazwa igihe cyose bibaye ngombwa kugira ngo harwanywe inkongi y'umuriro mu mashyamba cyangwa ikindi kiza icyo ari cyo cyose cyatuma ishyamba ryangirika.

Ingingo ya 22 : Inshingano z'inzego z'ibanze

Bitanyuranyije n'itegeko rishyiraho Ikigo, Inzego z'ibanze zifite inshingano zo kubungabunga, kurinda, no kongera umutungo w'amashyamba. Inzego z'ibanze zagaragaje ubudashyikirwa mu bikorwa byo gucunga neza amashyamba, zihabwa ishimwe rigengwa n'Iteka rya Minisitiri hashingiwe ku musaruro wabonetse.

Ingingo ya 23 : Guhagarika isarurwa ry'amashyamba n'ikurwamo ry'ibiyakomokaho

Igihe asanze ari ngombwa, Minisitiri ashobora gufata icyemezo cyo guhagarika isarurwa ry'amashyamba mu karere runaka cyangwa kubuza ko hagira ibikomoka ku mashyamba bikurwamo, hagamijwe ibi bikurikira:

- 1° gutunganya imicungire y'amashyamba cyane cyane iyo hagaragaye ibibazo muri urwo rwego;
- 2° gufasha amashyamba kwisubira muri ako karere;
- 3° kubungabunga ibidukikije n'urusobe rw'ibinyabuzima n'undi mutungo kamere cyane cyane ahantu h'amanegeka;

Whenever necessary, such institutions shall be called upon to intervene to fight bushfires or any other disaster that may damage the forest.

Article 22: Responsibilities of local authorities

Without prejudice to the provisions of the Law establishing the Authority, local authorities shall have the responsibility to conserve, protect and develop forest resources. Local authorities having excelled in sustainable forest management shall receive a reward determined by an Order of the Minister depending on the results of their efforts.

Article 23: Suspension of the forest harvesting and forest products collection

The Minister may, if he/she deems it necessary, decide to suspend the harvesting of forests in a given area or prohibit the collection of any forest products from that area for the following purposes:

- 1° to improve forest management, especially when there have been problems in this regard;
- 2° to allow forests in that area to regenerate;
- 3° to conserve the environment, the biodiversity and other natural resources especially in the fragile ecosystems;

Il est, chaque fois que de besoin, fait recours à ces institutions pour lutter contre les feux de brousse ou tout autre désastre susceptible d'endommager la forêt.

Article 22: Responsabilités des autorités locales

Sans préjudice des dispositions de la loi portant création de l'Office, les autorités locales ont la responsabilité de conserver, de protéger et d'accroître les ressources forestières. Les autorités locales qui se distinguent dans les activités de gestion rationnelle des forêts se voient attribuer une récompense déterminée par arrêté du Ministre en fonction des résultats de leurs efforts.

Article 23 : Suspension de la récolte des forêts et de la collecte des produits forestiers

Le Ministre peut, s'il l'estime nécessaire, décider de suspendre la récolte des forêts dans une zone donnée ou interdire la collecte des produits forestiers dans cette zone en vue de ce qui suit:

- 1° améliorer la gestion des forêts, surtout quand il y a eu des problèmes à ce niveau;
- 2° permettre aux forêts de se régénérer dans cette zone ;
- 3° sauvegarder l'environnement, la biodiversité et d'autres ressources naturelles surtout dans des écosystèmes fragiles;

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

4° kubuza gukuraho burundu ishyamba binyuranyije n'amategeko.

4° to prevent the clearing of a forest in violation of laws.

4° prévenir le défrichement d'une forêt en violation des lois.

Ingingo ya 24: Gutangaza ihagarikwa ry'isarurwa ry'amashyamba cyangwa iry'ikurwamo ry'ibiyakomokamo

Article 24: Announcement of the decision to suspend forest harvesting or collection of forest products

Article 24: Annonce de la décision de suspendre la récolte des forêts ou la collecte des produits forestiers

Gutangaza ihagarikwa ry'isarurwa ry'amashyamba cyangwa ikurwamo ry'ibiyakomokamo bikorwa ku buryo bukurikira:

The announcement of the decision to suspend forest harvesting or the collection of forest products shall be carried out as follows:

L'annonce de la suspension de la récolte des forêts ou de la collecte des produits forestiers se fait de la manière suivante :

1° gutangaza mu binyamakuru bibiri (2) bisomwa cyane no kuricisha ku maradiyo abiri (2) yumvikana cyane mu karere ayo mashyamba aherereyemo;

1° to publish the announcement in two (2) mostly widely read newspapers and on two (2) radio stations reaching the widest audience in the District where these forests are located;

1° publier l'annonce dans deux (2) journaux les plus lus et deux (2) radios avec la plus grande audience dans le District où se trouvent ces forêts;

2° kumanika iryo tangazo ku kibaho cy'amatangazo cy'Akarere, ku Mirenge, n'Utugari birebwa n'iki cyemezo kimwe n'ahandi hantu hagendwa n'abantu benshi muri ako Karere.

2° to post the announcement on the notice boards of the District, Sectors and Cells concerned by this decision and in other publicly accessible locations in that District.

2° afficher l'annonce sur les tableaux d'affichage du District, des Secteurs et des Cellules concernés par cette décision et dans d'autres endroits accessibles au public dans ce District.

Icyiciro cya 3: Kurinda amashyamba ya Leta

Section 3: Protection of State forests

Section 3 : Protection des forêts de l'Etat

Ingingo ya 25: Kurinda amashyamba ya Leta

Article 25: Protection of State forests

Article 25: Protection des forêts de l'Etat

Amashyamba ya Leta agomba kurindwa icyo ari cyo cyose cyashobora kuyangiza.

The State forests must be protected against anything that may damage them.

Les forêts de l'Etat doivent être protégées contre tout ce qui peut les endommager.

Mu rwego rwo kurinda amashyamba ya Leta akomye, Leta igomba gutera amashyamba ayakikije agizwe n'ubwoko bw'ibiti butandukanye n'ubwiganje muri iryo shyamba. Aho bidashoboka hakoreshwa ubundi buryo ubwo ari bwo bwose bwo kuyarinda.

In Order to protect protected State forests, the Government must create a buffer zone comprising tree species different from the main species found in the protected forest. If this is not possible, there shall be used any other method to protect such forests.

Afin de protéger les forêts de l'Etat protégées, l'Etat doit créer une zone tampon composée d'espèces d'arbres différentes de celles de la forêt protégée. Lorsque cela n'est pas possible, il est utilisé toute autre méthode de protection de ces forêts.

Ingingo ya 26: Ibikorwa byemewe mu mashyamba ya Leta akomye

Uretse ibikorwa bitangirwa uruhushya na Minisitiri, ibindi bikorwa byose bikorerwa mu mashyamba ya Leta akomye birabujijwe.

Ingingo ya 27: Kurinda no kubungabunga ibiti bikomye

Mu rwego rwo kurinda bumwe mu bwoko bw'ibiti, Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'ibiti bikomye biri mu mashyamba ya Leta, ay'Akarere cyangwa ay'abantu ndetse n'ibiti bigaragara ku buryo bwitaruye.

Icyiciro cya 4: Kurinda amashyamba inkongi

Ingingo ya 28 : Ibuzwa ry'igikorwa gishobora gutera inkongi y'umuriro mu ishyamba

Nta muntu wemerewe gukorera mu ishyamba igikorwa icyo ari cyo cyose gishobora gutera inkongi y'umuriro.

Ingingo ya 29: Gukumira inkongi y'umuriro mu mashyamba

Ikigo gitegura kandi kigatangaza buri mwaka ibihe imiriro ishobora kwibasira amashyamba n'ibikwiye kwirindwa byose kandi bishobora gutera inkongi y'umuriro.

Umuntu wese ubonye umuriro mu ishyamba

Article 26: Allowed activities in protected State forests

Apart from activities authorized by the Minister, other activities conducted in the protected State forests are prohibited.

Article 27: Protection and conservation of protected trees

To protect some tree species, an Order of the Minister shall set out a list of protected trees found in State forests, District or private forests and that of isolated trees.

Section 4: Protecting forests against fire

Article 28: Prohibition of any activity that may cause fire in a forest

A person shall not be allowed to carry out in the forest any activity that may cause fire.

Article 29: Forest fire prevention

The Authority shall prepare and announce each year periods when forest may be prone to fire and any activity likely to cause fire to be avoided.

Anyone who notices fire in the forest must try to

Article 26: Activités permises dans les forêts de l'Etat protégées

A l'exception des activités autorisées par le Ministre, les autres activités menées dans les forêts de l'Etat protégées sont interdites.

Article 27: Protection et conservation des arbres protégés

Pour protéger certaines espèces d'arbres, un arrêté du Ministre établit une liste des arbres protégés se trouvant dans les forêts de l'Etat, celles du District ou des forêts des particuliers ainsi que celle des arbres isolés.

Section 4: Protection des forêts contre l'incendie

Article 28: Interdiction de toute activité susceptible de provoquer un incendie dans une forêt

Il est interdit à toute personne de mener dans la forêt toute activité susceptible de provoquer un incendie.

Article 29: Prévention d'incendie dans les forêts

L'Office prépare et annonce chaque année les périodes où les forêts sont sujettes aux incendies et toute activité susceptible de provoquer un incendie qu'il faut éviter.

Toute personne qui constate un incendie dans la

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

agomba kugerageza kuwuzimya no gutabaza ubuyobozi buri hafi n'undi wese wafasha kuzimya uwo muriro.

extinguish it and urgently alert the nearest authorities or anyone who can help to extinguish the fire.

forêt ne doit essayer de l'éteindre et alerter d'urgence les autorités les plus proches et toute autre personne pouvant aider à éteindre cet incendie.

Ubuyobozi bwegereye ahabereye inkongi y'umuriro bugomba guhuruza abaturatione baturiyeye ishyamba kuzimya umuriro badategereje ibihembo.

Authorities who are near the place of occurrence of the fire shall urgently call upon the population neighbouring the forest to extinguish the fire without expecting to receive rewards.

Les autorités proches du lieu de survenance de l'incendie doivent appeler d'urgence la population riveraine de la forêt à éteindre l'incendie sans s'attendre aux récompenses.

Ingingo ya 30: Iminara yo gutahura umuriro mu mashyamba

Article 30: Fire control towers in forests

Article 30: Tours de contrôle des incendies dans les forêts

Ikigo gishyiraho iminara n'ibikoresho by'itumanaho bifasha gutahura umuriro no gukumira ibindi bikorwa bishobora kwangiza ishyamba.

The Authority shall install towers and communication tools to help locate fires and prevent other activities that may damage the forest.

L'Office installe des tours de contrôle et des outils de communication qui aident à localiser les incendies et prévenir d'autres activités pouvant endommager la forêt.

Ingingo ya 31: Itwika ryo gukumira inkongi

Article 31: Early burning

Article 31: Feux précoces

Ikigo gikoresha itwika ryo gukumira inkongi z'imiriro kandi kikabanza kubimenyeshya ubuyobozi bw'ibanze n'abaturiye ishyamba.

The Authority shall organize early burning after informing local authorities and the population neighbouring the forest.

L'Office utilise des feux précoces et en informe au préalable les autorités locales et la population riveraine de la forêt.

UMUTWE WA V: IMICUNGIRE Y'AMASHYAMBA

CHAPTER V: FORESTS MANAGEMENT

CHAPITRE V: GESTION DES FORETS

Icyiciro cya mbere: Urutonde n'ibarura ry'amashyamba

Section One: List and inventory of forests

Section première: Liste et inventaire des forêts

Ingingo ya 32: Ishyirwaho ry'urutonde rw'amashyamba

Article 32: Preparation of the list of forests

Article 32: Etablissement de la liste des forêts

Urutonde rw'amashyamba mu Gihugu rwandikwa mu gitabo cyabugenewe.

A list of forests in the country shall be recorded in an appropriate register.

La liste des forêts dans le pays est inscrite dans un registre approprié.

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'ibikubiye muri urwo rutonde kandi rikagaragaza uko rukwiye kuvugururwa igihe cyose bibaye ngombwa.

An Order of the Minister shall determine the structure and the contents of the list and the procedure for updating it whenever necessary.

Un arrêté du Ministre détermine la structure et le contenu de cette liste et les modalités de sa mise à jour chaque fois que de besoin.

Ingingo ya 33 : Ibarura ry'amashyamba

Article 33: Inventory of forests

Article 33: Inventaire des forêts

Minisitiri akoresha buri myaka cumi (10) n'igihe cyose bibaye ngombwa igikorwa cyo kubarura amashyamba. Igikorwa cy'ibarura ry'amashyamba kigomba kugaragaza nibura :

Every ten (10) years and whenever necessary, the Minister shall organize an inventory of forests. The inventory of forests must indicate at least:

Tous les dix (10) ans et chaque fois que de besoin, le Ministre organise un inventaire des forêts. L'inventaire des forêts doit indiquer au moins:

1° ubuso buteyeho amashyamba;

1° the surface area covered by forests;

1° la superficie couverte par les forêts;

2° amoko anyuranye y'ibiti, ubwinshi bw'ayo moko n'uko amerewe;

2° different tree species, their number and their state;

2° différentes espèces d'arbres, leurs quantités et leur état de santé;

3° uburebure n'umubyimba w'ibiti n'ibyiciro byabyo bigendeye ku mubyimba;

3° the tree height and diameter as well as their diameter classes;

3° la hauteur et le diamètre des arbres ainsi que leurs classes de diamètre;

4° ingano y'ibiti byangirika;

4° the number of deteriorated trees;

4° la quantité des arbres endommagés ;

5° imisarurire y'ibikomoka ku mashyamba;

5° harvesting of forest products;

5° la récolte des produits forestiers;

6° amoko n'ubwinshi by'ibindi bimera bitari ibiti;

6° species and quantity of plants other than trees.

6° espèces et quantité des végétaux autres que les arbres.

Ibarura ry'amashyamba ritegurwa n'Ikigo kandi rigakorwa hubahirijwe amategeko agenga ibarurishamibare.

The inventory of forests shall be prepared by the Authority in accordance with laws relating to statistics.

L'inventaire des forêts est organisé par l'Office et exécuté dans le respect des lois relatives aux statistiques.

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

<u>Icyiciro cya 2: Imicungire y'amashyamba ya Leta akomye</u>	<u>Section 2: Management of protected State forests</u>	<u>Section 2: Gestion des forêts de l'Etat protégées</u>
<u>Ingingo ya 34 : Imicungire y'amashyamba ya Leta akomye</u>	<u>Article 34: Management of protected State forests</u>	<u>Article 34: Gestion des forêts de l'Etat protégées</u>
Amashyamba ya Leta akomye acungwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko yihariye ayagenga n'iri tegeko.	Protected State forests shall be managed in accordance with the provisions of special laws governing such forests and in accordance with this Law.	Les forêts de l'Etat protégées sont gérées conformément aux dispositions des lois particulières régissant ces forêts et conformément à la présente loi.
Iteka rya Minisitiri rigena imicungire y'amashyamba ya Leta akomye adafite amategeko yihariye ayagenga.	An Order of the Minister shall determine the management of protected State forests which are not governed by special laws.	Un arrêté du Ministre détermine la gestion des forêts de l'Etat protégées qui ne sont pas régies par des lois particulières.
<u>Ingingo ya 35 Imicungire y'amashyamba ya Leta agenewe gusarurwa</u>	<u>Article 35: Management of State production forests</u>	<u>Article 35: Gestion des forêts de l'Etat destinées à la production</u>
Amashyamba ya Leta agenewe gusarurwa acungwa hakurikijwe igenamigambi ry'amashyamba.	State production forests shall be managed according to the forest plan.	Les forêts de l'Etat destinées à la production sont gérées selon le plan forestier.
Ishyamba rya Leta cyangwa igice cyaryo bigenewe gusarurwa bishobora kwegurirwa Akarere cyangwa umuntu hakurikijwe amategeko abigenga.	The whole or any part of a State production forest may be transferred to the District or an individual in accordance with relevant legal provisions.	La forêt de l'Etat destinée à la production peut, en tout ou en partie, être cédée au District ou à un individu conformément aux dispositions légales en la matière.
<u>Ingingo ya 36 : Imicungire y'amashyamba akorerwamo ubushakashatsi</u>	<u>Article 36: Management of forests reserved for research</u>	<u>Article 36: Gestion des forêts réservées à la recherche</u>
Amashyamba akorerwamo ubushakashatsi acungwa hakurikijwe igenamigambi ry'amashyamba n'amasezerano abigenga.	Forests reserved for research shall be managed in accordance with the forest plan and related agreements.	Les forêts réservées à la recherche sont gérées selon le plan forestier et les contrats y relatifs.

Icyiciro cya 3: Imicungire y'amashyamba y'Akarere

Ingingo ya 37: Icungwa ry'amashyamba y'Akarere

Ishyamba ry'Akarere cyangwa igice cyaryo bishobora kwegurirwa umuntu hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 38: Icungwa ry'amashyamba y'abantu

Amashyamba y'abantu arengeje hegitari ebyiri (2 ha) acungwa hakurikijwe igenamigambi ryayo.

Icyakora, amashyamba y'abantu atarengeje hegitari ebyiri (2 ha), acungwa hakurikijwe amabwiriza ya Minisitiri.

Ku mpamvu z'inyungu rusange, amashyamba y'abantu ashobora kwegurirwa Leta cyangwa Akarere hakurikijwe amategeko agenga uburyo bwo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange.

Ingingo ya 39: Isarurwa ry'amashyamba y'abantu

Gusarura ishyamba ry'umuntu ritagejeje kuri kimwe cya kabiri cya hegitari (1/2 ha) ntibisabirwa uruhushya.

Icyakora, mu rwego rwo gukumira ingaruka zaterwa no gusarurira rimwe amashyamba

Section 3: Management of District forests

Article 37: Management of District forests

The whole or any part of a District forest may be transferred to an individual in accordance with relevant legal provisions.

Article 38: Management of private forests

Private forests exceeding two hectares (2 ha) shall be managed according to their forest plan.

However, private forests not exceeding two hectares (2 ha) shall be managed according to the instructions of the Minister.

For the purposes of public interests, private forests may be transferred to the State or the District in accordance with laws governing expropriation in public interest.

Article 39: Harvesting of private forests

The harvesting of a private forest of less than a half a hectare (1/2 ha) shall not require a license.

However, to prevent consequences that may result from the simultaneous harvesting of adjacent

Section 3: Gestion des forêts du District

Article 37: Gestion des forêts du District

La forêt du District peut, en tout ou en partie, être cédée à un individu conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 38: Gestion des forêts des particuliers

Les forêts des particuliers de plus de deux hectares (2 ha) sont gérées selon leur plan forestier.

Toutefois, les forêts des particuliers ne dépassant pas deux hectares (2ha) sont gérées selon les instructions du Ministre.

Les forêts des particuliers peuvent, à des fins d'intérêt public, être cédées à l'Etat ou au District conformément aux lois régissant l'expropriation pour cause d'utilité publique.

Article 39: Récolte des forêts des particuliers

La récolte d'une forêt d'un particulier de moins d'un demi-hectare (1/2 ha) ne requiert pas un permis.

Toutefois, pour prévenir les conséquences pouvant résulter de la récolte simultanée des forêts

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

yegeeranye, ishyamba risarurwa rigomba kuba riri nibura muri metero makumyabiri (m 20) z'ahasaruwe ishyamba nka ryo mu mwaka ushize.

Iyo ishyamba risarurwa ringana cyangwa rirengeje kimwe cya kabiri cya hegitari (1/2 ha) uwifuzza kurisarura abimenyeshya umukozi ushinzwe amashyamba mu Karere kugira ngo amugire inama y'uko agomba kurisarura.

Icyiciro cya 4: Kwegurirwa imicungire y'amashyamba

Ingingo ya 40 : Kwegurirwa imicungire y'ishyamba rya Leta rikomye

Umuntu, ishyirahamwe, sosiyete, koperative, umuryango utari uwa Leta bifite ubuzima gatozi, Akarere cyangwa Ikigo cya Leta bashobora guhabwa uburenganzira bwo gucunga ishyamba rya Leta rikomye cyangwa igice cyaryo.

Kwegurirwa imicungire y'ishyamba rya Leta rikomye, byemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.

Imicungire y'iryo shyamba ikorwa hashingiwe ku masezerano ashwirwaho umukono hagati y'uwemerewe gucunga ishyamba na Minisitiri.

forests, the forest to be harvested must be at least twenty meters (20 m) away from an area where a similar forest was harvested the previous year.

When the private forest to be harvested has a surface area equal to or exceeding half a hectare (0.5 ha), the person seeking to harvest shall inform the District Forestry Officer so that he/she advises him/her how to harvest such a forest.

Section 4: Acquiring the forest management

Article 40: Acquiring the management of a protected State forest

An individual, association, company, cooperative, a non-governmental organization having legal personality, the District or a government institution may be granted the right to manage the whole or any part of a protected State forest.

The acquisition of the management of a protected State forest shall be approved by the Cabinet.

The management of such a forest shall be done in accordance with an agreement signed between the person granted the management of the forest and Minister.

voisines, la forêt à récolter doit se situer au moins à vingt mètres (20 m) d'un endroit où une forêt similaire a été récoltée l'année précédente.

Lorsque la forêt d'un particulier qui doit être récoltée a une superficie égale ou supérieure à un demi-hectare (1/2 ha), la personne qui veut la récolter doit en informer l'agent du District chargé des forêts pour qu'il lui donne des conseils sur la façon de la récolter.

Section 4: Se voir concéder la gestion des forêts

Article 40 : Se voir concéder la gestion d'une forêt protégée de l'Etat

Un individu, une association, une société, une coopérative, une organisation non-gouvernementale dotée de la personnalité juridique, le District ou une institution de l'Etat peuvent se voir concéder le droit de gérer en tout ou en partie une forêt protégée de l'Etat.

La concession de la gestion d'une forêt protégée de l'Etat est approuvée par le Conseil des Ministres.

La gestion de cette forêt se fait conformément à un contrat signé entre le gestionnaire et le Ministre.

Ingingo ya 41: Kwegurirwa imicungire y'ishyamba rya Leta rigenewe gusarurwa

Umuntu, ishyirahamwe, sosiyete, koperative, umuryango utari uwa Leta bifite ubuzima gatozi, Akarere cyangwa Ikigo cya Leta bashobora kwegurirwa imicungire y'ishyamba rya Leta rigenewe gusarurwa kugira ngo baricunge. Gucunga iryo shyamba bishingira kuri iri tegeko n'andi mategeko abigenga.

Ingingo ya 42 : Kwegurirwa imicungire y'ishyamba ry'Akarere

Umuntu, ishyirahamwe, sosiyete, koperative, umuryango utari uwa Leta bifite ubuzima gatozi cyangwa Ikigo cya Leta bashobora guhabwa uburenganzira kugira ngo bacunge ishyamba ry'Akarere.

Kwegurirwa imicungire y'ishyamba ry'Akarere byemezwa n'Inama Njyanama.

Imicungire y'iryo shyamba ikorwa hashingiwe kuri iri tegeko n'andi mategeko abigenga.

Icyiciro cya 5: Guhindura icyiciro cy'ishyamba

Ingingo ya 43: Guhindura icyiciro cy'ishyamba rya Leta

Iteka rya Minisitiri rigena uburyo icyiciro cy'ishyamba rya Leta rihindurwa.

Article 41: Acquiring the management of a production State forest

An individual, association, company, cooperative, a non-governmental organization having legal personality, the District or a Government institution may be granted the right to manage a State production forest. The management of such a forest shall be governed by this Law and other relevant legal provisions.

Article 42: Acquiring the management of a District forest

An individual, association, company, cooperative, non-governmental organization having legal personality or a government institution may be granted the right to manage a District forest.

The acquisition of the right to manage a District forest shall be approved by the District Council.

The management of the forest shall be governed by this Law and other relevant legal provisions.

Section 5: Changing a forest category

Article 43: Changing the State forest category

An Order of the Minister shall determine modalities for changing the category of a State forest.

Article 41: Concession de gestion de la forêt de l'Etat destinée à la production

Un individu, une association, une société, une coopérative, une organisation non-gouvernementale dotée de la personnalité juridique, le District ou une institution de l'Etat peuvent se voir concéder la gestion d'une forêt de l'Etat destinée à la production. La gestion de cette forêt est régie par la présente loi et d'autres dispositions légales en la matière.

Article 42: Concession de gestion d'une forêt du District

Un individu, une association, une société, une coopérative, une organisation non-gouvernementale dotée de la personnalité juridique ou une institution de l'Etat peuvent se voir concéder le droit de gérer une forêt du District.

La concession de la gestion d'une forêt du District est approuvée par le Conseil du District.

La gestion de cette forêt est régie par la présente loi et d'autres dispositions légales en la matière.

Section 5 : Changement de catégorie d'une forêt

Article 43: Changement de catégorie d'une forêt de l'Etat

Un arrêté du Ministre détermine les modalités de changement de la catégorie d'une forêt de l'Etat.

Ingingo ya 44 : Gusimbura ishyamba ryakuwe mu mashyamba ya Leta akomye

Minisitiri ashobora gukura ishyamba rya Leta cyangwa igice cyaryo mu cyiciro cy'amashyamba ya Leta akomye.

Uko bikorwa n'uburyo ishyamba cyangwa igice cyaryo bisimburwa bigenwa n'iteka rya Minisitiri.

UMUTWE WA VI: UBUSHAKASHATSI KU MASHYAMBA

Ingingo ya 45: Ubushakashatsi-shingiro

Ubushakashatsi-shingiro bugendanye n'ubumenyi mu by'amashyamba bukorwa n'Ikigo cy'Igihugu gifite ubushakashatsi-shingiro mu nshingano zacyo cyangwa undi kibihereye uburenganzira bwanditse.

Minisitiri ashiraho imirongo ngenderwaho mu gukora ubwo bushakashatsi.

Ingingo ya 46 : Ubushakashatsi-ngiro

Ubushakashatsi-ngiro burebana n'uruhare rw'amashyamba mu bukungu bw'Igihugu no kubungabunga ibidukikije bukorwa n'Ikigo, inzego za Leta, iz'abikorera n'iz'abandi bantu ku giti cyabo babihereye uburenganzira bwanditse n'Ikigo.

Article 44: Replacement of a degazetted protected State forest

The Minister may degazette the whole or any part of a protected State forest.

Modalities for degazettement and replacement of the whole or part of a forest shall be determined by an Order of the Minister.

CHAPTER VI: FORESTRY RESEARCH

Article 45: Fundamental research

Fundamental forestry research shall be conducted by the national agency in charge of fundamental research or a third party authorized by that agency in writing.

The Minister shall put in place guidelines for the conduct of the research.

Article 46: Applied research

Applied research related to the role of the forests in the national economy and the safeguarding of environment shall be conducted by the Authority, public and private institutions and private operators authorized in writing by the Authority.

Article 44: Remplacement d'une forêt protégée de l'Etat déclassée

Le Ministre peut déclasser en tout ou en partie une forêt protégée de l'Etat.

Les modalités de déclassement et de remplacement de la totalité ou d'une partie d'une forêt sont déterminées par arrêté du Ministre.

CHAPTRE VI: RECHERCHE FORESTIERE

Article 45: Recherche fondamentale

La recherche fondamentale en foresterie est menée par l'agence nationale ayant des recherches fondamentales dans ses attributions ou par un tiers autorisé par cette agence par écrit.

Le Ministre met en place les directives relatives à la réalisation de cette recherche.

Article 46: Recherche appliquée

La recherche appliquée concernant le rôle des forêts dans l'économie nationale et la sauvegarde de l'environnement est menée par l'Office, les institutions publiques, privées et les opérateurs privés autorisés par écrit par l'Office.

Ingingo ya 47: Gutangaza ibyavuye mu bushakashatsi

Ibyavuye mu bushakashatsi buvugwa mu ngingo ya 45 n'ya 46 z'iri tegeko bishyirwa ahagaragara ku bufatanye bw'uwabukoze n'Ikigo.

UMUTWE WA VII: IMPUSHYA

Iciviro cya mbere: Ingingo rusange ku mpushya

Ingingo ya 48: Itangwa ry'uruhushya

Hagamijwe kunoza imicungire y'amashyamba, impushya zose zivugwa muri iri tegeko zitangwa hakurikijwe ibiteganywa na ryo n'amabwiriza arishyira mu bikorwa.

Ingingo ya 49: Ibisabwa usaba uruhushya n'ibirugize

Imiterere ya buri ruhushya ruvugwa muri iri tegeko, igihe rumara n'ibisabwa kugira ngo rutangwe bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 50: Ikoreshwa ry'uruhushya

Uruhushya rwatanze rukoreshwa gusa mu birebana n'ibikorwa rwatangiye kandi rugakoreshwa n'uhawawe.

Uwahawe uruhushya afite inshingano zo

Article 47: Publication of research results

The results of the research provided under Articles 45 and 46 of this Law shall be published through collaboration between the person having conducted the research and the Authority.

CHAPTER VII: LICENCES

Section One: General provisions relating to licences

Article 48: Issue of a license

In order to improve the forest management, licenses provided for by this Law shall be issued in accordance with the provisions of this Law and its implementing rules.

Article 49: Conditions for applying for a license and contents of the license

The contents of each license provided for by this Law, its period of validity and conditions for its issue shall be determined by an Order of the Minister.

Article 50: Use of license

The license shall be used only for the purposes of activities for which it is issued and only by the licensee.

The licensee shall be bound to show the license

Article 47: Publication des résultats de la recherche

Les résultats de la recherche visée aux articles 45 et 46 de la présente loi sont publiés grâce à la collaboration entre la personne qui l'a réalisée et l'Office.

CHAPITRE VII : PERMIS

Section première: Dispositions générales relatives aux permis

Article 48 : Octroi d'un permis

Dans le but d'améliorer la gestion des forêts, tous les permis visés par la présente loi sont octroyés conformément à ses dispositions et à ses règlements d'application.

Article 49: Conditions requises pour demander un permis et contenu du permis

Le contenu de chaque permis visé dans la présente loi, la durée de sa validité et les conditions requises pour son octroi sont déterminés par arrêté du Ministre.

Article 50: Usage du permis

Le permis délivré n'est utilisé qu'à des fins des activités pour lesquelles il est délivré et ne peut être utilisé que par son titulaire.

Le titulaire du permis est tenu de le présenter

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

kurugaragaza igihe cyose arusabwe n'ababifitiye ububasha.

whenever he/she is required to do so by the competent persons.

chaque fois qu'il en est requis par les personnes habilitées.

Umuntu utagaragaje uruhushya cyangwa urukoresha icyo ataruhereye, ahanwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Any person who fails to show a license or uses it for the purposes other than those for which it was issued shall be punished in accordance with relevant legal provisions.

Quiconque ne présente pas un permis ou l'utilise à des fins autres que celles auxquelles il lui a été délivré est puni conformément aux dispositions légales en la matière.

Ingingo ya 51 : Kwamburwa uruhushya

Article 51: Withdrawal of a license

Article 51: Retrait du permis

Uwahawe uruhushya akarukoresha mu buryo bunyuranije n'icyo yaruhereye cyangwa ntiyubahirize amabwiriza n'ibiteganwa n'iri tegeko ararwamburwa.

A licensee who uses the license for the purposes other than those for which it was issued or fails to comply with the rules and the provisions of this Law shall have his/her license withdrawn.

Le titulaire d'un permis qui l'utilise à des fins autres que celles pour lesquelles il lui a été délivré ou ne respecte pas les règlements et les dispositions de la présente loi se voit retirer son permis.

Uwambuwe uruhushya ategukwa gusana ibyo yangije byatewe n'ibikorwa bye cyangwa gukoresha nabi uruhushya yahawe.

A person whose license is withdrawn shall be bound to repair the damages caused by his/her activities or the misuse of the license.

La personne qui se voit retirer son permis est tenue de réparer les dommages causés par ses activités ou par l'utilisation malveillante de son permis.

Ingingo ya 52 : Uruhushya rwo gukuraho ishyamba burundu

Article 52: Forest clearing license

Article 52: Permis de défrichement d'une forêt

Gukuraho burundu ishyamba ryose cyangwa igice cyaryo kugira ngo ubutaka ryari riteyeho bukoreshwe ikindi gikorwa bitangirwa uruhushya na Minisitiri.

The license for clearing the whole or part of a forest so that the land it covers is used for other purposes shall be issued by the Minister.

Le permis de défrichement de la totalité ou d'une partie d'une forêt pour que le terrain qu'elle couvre soit utilisé à d'autres fins est octroyé par le Ministre.

Ingingo ya 53 : Uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta

Article 53: State forest harvesting license

Article 53: Permis de récolte d'une forêt de l'Etat

Uruhushya rwo gusarura ishyamba rya Leta rutangwa hakurikijwe igenamigambi ryogutunganya amashyamba.

The State forest harvesting license shall be issued in accordance with the forest management plan.

Le permis de récolte d'une forêt de l'Etat est délivré conformément au plan d'aménagement forestier.

Official Gazette n° 37 of 16/09/2013

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rutanga urwo uruhushya rikanagena n'uburyo bikorwa.

A Prime Minister's Order shall determine the organ that issues such a license and modalities for issuance.

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe qui délivre ce permis et les modalités de son octroi.

Ingingo ya 54 : Uruhushya rwo gusarura amashyamba y'Akarere n'ay'abantu

Article 54: District and private forests harvesting license

Article 54: Permis de récolte des forêts du District et des forêts des particuliers

Uruhushya rwo gusarura ishyamba ry'Akarere cyangwa iry'abantu rirengeje hegitari ebyiri (ha 2) rutangwa hakurikijwe igenamigambi ryogutunganya iryo shyamba.

The license for harvesting a District or private forest having a surface area exceeding two hectares (2 ha) shall be issued in accordance with the management plan of the concerned forest.

Le permis de récolte d'une forêt du District ou d'une forêt d'un particulier d'une superficie supérieure à deux hectares (2 ha) est délivré conformément au plan d'aménagement de la forêt concernée.

Iteka rya Minisitiri rigena urwego rutanga urwo uruhushya.

An Order of the Minister shall determine the organ that issues such a license.

Un arrêté du Ministre détermine l'organe qui délivre ce permis.

Ingingo ya 55: Uruhushya rwo gutwara ibikomoka ku mashyamba

Article 55: Forest products transportation license

Article 55: Permis de transport des produits forestiers

Umuntu wese utwara ibikomoka ku mashyamba, bikimeze uko byasaruwe cyangwa byahinduwe ibindi, agomba kuba afite uruhushya rw'umwimerere rutangwa n'Akarere iryo shyamba rihereyemo kandi rukagaragaza ubwoko bw'ibyotwaye, ikibitwaye, ingano yabyo, aho bivuye, aho bigiye.

Any person who carries out transportation of forest products in their harvesting state or after they are processed into other products must have an original license issued by the District in which the forest is located. Such a license must indicate the nature, means of transport, quantity, origin and destination of the products transported.

